UKUBOZA 2023

## INAMA IDASANZWE Y' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE YEMEREJWEMO IBIPIMO NGENDERWAHO BY' UMUSORO KU BUTAKA MU KARERE



SOMA PAJI YA 10

SOMA PAJI YA 4

## IBIKORWA BY' UMUSHINGA SMART WAKORERAGA MU MURENGE WA KADUHA BYASOJWE ABATURAGE BASHIMA IBYO WABAGEJEJEHO



SOMA PAJI YA 2

## UMUYOBOZI W' AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y' ABATURAGE MU MURENGE WA CYANIKA ASHIMIRA ABATURAGE URUHARE BAGIZE AKARERE KAKAZAMURA AMANOTA MU MIYOBORERE





SOMA PAJI YA 9

## UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE YABWIYE ABAFITE UBUMUGA KO IGIHUGU KIBITAYEHO ARIKO NA BO BAGOMBA KWITINYUKA

# UMUYOBOZI W’ AKARERE YAYOBOYE INTEKO Y’ ABATURAGE MU MURENGE WA CYANIKA ASHIMIRA ABATURAGE URUHARE BAGIZE AKARERE KAKAZAMURA AMANOTA MU MIYOBORERE



**Umuybobozi w’ Akarere ayoboye Inteko y’ Abaturage mu Cyanika**

Ku wa 19 Ukuboza Umuyobozi w' Akarere Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Karama, mu Murenge wa Cyanika ashimira Abaturage b’ uyu Murenge ku bwo kuba bari mu batumye mu mwaka wa 2023, Akarere kava ku mwanya wa nyuma ku rwego rw'Igihugu kakaza ku wa 10 mu bijyanye n' uko Abaturage babona imiyoborere n' imitangire ya serivisi hakurikijwe Uturere ndetse kakaba n' aka mbere mu kuzamura amanota nk' uko byagaragajwe n' ubushakashatsi bw’ Urwego rw’ Igihugu rw’ Imiyoborere RGB.



**Abaturage ba Cyanika bashimiwe**

Umuyobozi w’ Akarere kandi yabashimiye ko bahanze agashya bise Impumuro kifashishwa mu guca amakimbirane mu miryango, kakaba karaje no mu dushya 14 twahembwe ku rwego rw' Igihugu.

yasabye Abaturage b' Umurenge wa Cyanika kwirinda gusesagura mu minsi mikuru kandi bakirinda ko kwishima kwabo kwababuza umudendezo.

Muri iyi Nteko y' Abaturage habayeho n' umwanya wo kwakira ibibazo n' ibitekerezo by' Abaturage ndetse biganirwaho.





**Abaturage bahawe umwanya wo kubaza ibibazo ndetse banatanga ibitekerezo**

# UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE YASHIMYE ISUKU YASANZE MU ISANTERI Y' UBUCURUZI YA TABA YO MURI GASAKA



**VM ASOC yashimye isuku yasanze mu isanteri y' ubucuruzi ya Taba**

Ku wa 19 Ukuboza 2023, Ubwo Umuyobozi w' Akarere Wungrije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyaga n' Abaturage bo mu Murenge wa Gasaka, by' umwihariko abo mu Kagari ka Ngiryi mu Gitondo cy' Isuku yashimiye isuku yasanze mu isanteri y' ubucuruzi ya Taba.

Yabasabye kuyikomeza ndetse bagaharanira ko igihembo nyamukuru mu Marushanwa y' Isuku ari cyo cy' imodoka cyataha muri uyu Murenge.



**Igitondo cy' Isuku ni gahunda imenyerewe buri wa Kabiri**

Isanteri y' ubucuruzi ya Taba ni yo yabimburiye izindi mu Murenge wa Gasaka, mu kurimbisha inzu z' ubucuruzi zikora ku muhanda wa kaburimbo homekwa amakaro ku nkuta zazo.

Ni nyuma yuko igikorwa cyo gusasa amapave ku mbaraza zazo cyo kirangiye.

Kuri ubu kandi hari no guterwa imikindo kuri izo mbaraza.





**Nyuma yo kurimbisha inzu bashyira amapave ku mbaraza zazo, abafite inzu z' ubucuruzi mu isanteri ya Taba bageze ku gikorwa cyo kuzomekaho amakaro no gutera imikindo muri aya mapave**

# IBIKORWA BY’ UMUSHINGA SMART WAKORERAGA MU MURENGE WA KADUHA BYASOJWE ABATURAGE BASHIMA IBYO WABAGEJEJEHO



**VM FED yitabiriye ibirori byo gusoza Smart Project**

Ku wa 18 Ukuboza 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA yitabiriye ibirori byo gusoza Umushinga wiswe **“Smart Project”** wakoreraga mu Murenge wa Kaduha.

Uyu Mushinga wari umaze imyaka ibiri ukorera ibikorwa bitandukanye cyane cyane iby’ ubuhinzi muri uyu Murenge wa Kaduha, ni uwa Banki y’ Isi ariko ukaba washyirwaga mu bikorwa n’ Umufatanyabikorwa witwa Good Neighbors.




**Umushinga Smart Project wasojwe hahembwa abagenerwabikorwa bahize abandi**

Abafatanyabikorwa b’ uyu Mushinga bavuga ko wabagejeje kuri byinshi.

Umwe muri bo yaragize ati: “Ni ukuri uyu mushinga utaraza ntitwari tuzi ko hano I Kaduha hakwera ibirayi, ariko nyuma yuko baduciriye amaterasi kandi bakanaduhamo akazi, twarahinze tureza. Ubu i Kaduha ibirayi birahaboneka rwose.”

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA wari uhagarariye Akarere muri ibi birori yashimiye Banki y’ Isi na Good Neighbors bazanye uyu Mushinga wagize uruhare mu iterambere ry’ Abaturage b’ Umurenge wa Kaduha, aboneraho no gusaba Abaturage gufata neza ibikorwa ubusagiye.

Umushinga Smart Project wakoreraga ibikorwa by’ ubuhinzi, iby’ ubworozi, ibyo kurwanya imirire mibi, ibyo gukemura amakimbirane yo mu miryango, ibyo kwigisha Abaturage kwizigamira binyuze mu matsinda, ibyo kurengera ibidukikije, mu Tugari twose tw’ Umurenge wa Kaduha.

Uretse kuba warakoze amaterasi y’ indinganire mu rwego rwo kongera umusaruro, mu bindi bikorwa bigaragarira amaso usigiye Abaturage b’ Umurenge wa Kaduha harimo inzu ituburirwamo imbuto y’ ibirayi (Green House), inyubako y’ amashuri y’ inshuke igendanwa ikoze mu mahema n’ ibindi.

# KURI STADE NYAGISENYI HASOREJWE AMARUSHANWA Y' UBUKANGURAMBAGA BW' ISUKU, UMUTEKANO NO KURWANYA IGWINGIRA MU BANA



**Amarushanwa yahuje Amakipe atandukanye yo mu Karere**

Ku wa 29 Ukuboza 2023, kuri Stade Nyagisenyi hasorezwaga amarushanwa y' Ubukangurambaga bw' Isuku, Umutekano no kurwanya igwingira ry' abana mu Murenge wa Gasaka, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu, Umuyobozi w' Inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel John Agaba n' abahagarariye izindi Nzego.

Tariki ya 01 Ukuboza 2023 ni bwo Ubukangurambaga bw' Isuku, Umutekano, no kurwanya igwingira mu Bana bwatangiye mu Murenge wa Gasaka.

Ubu bukangurambaga bwaranzwe n' ibikorwa bitandukanye birimo amarushanwa y' ubuhanzi mu mbyino, imivugo, umupira w' amaguru, uw' intoki n' ibindi.



**Habayeho no kurushanwa mu mbyino**

Aya marushanwa yasojwe, Akagari ka Nyamugari ari ko kegukanye imyanya ya mbere mu mbyino n' imivugo na ho Akagari ka Kigeme kaza imbere mu makinamico.

Muri Volleball, Ikipe y' Inkambi ya Kigeme ni yo yegukanye intsinzi ikuyemo ikipe ya Nyamagabe Volleyball Club, naho mu mupira w' amaguru Ikipe y' Umucyo Sunday yeguka igikombe ikuyemo Ikipe ya RCS kuri penaliti nyuma yo kunganya 1-1.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA yizeje Abaturage ko ubu bukangurambaga buzakomeza kugira ngo isuku n' umutekano byimakazwe.



**VM FED ashyikirize igikombe, Ikipe yacyegukanye**

# UMUNSI MPUZAMAHANGA W' UMWARIMU WIZIHIJWE ASHIMIRWA UBWITANGE YAGARAGAJE



**Abarimu bizihije Umunsi Mpuzamahanga wabo bashimirwa**

Ku wa 14 Ukuboza 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n' Abarimu bigisha mu Bigo by' Amashuri byo mu Murenge wa Uwinkingi mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w' Umwarimu.

Ibi birori byabereye mu Ishuri Nderabarezi rya TTC Mater Dei Mbuga byaranzwe ahanini no gushima.

Dushimimana Fabien, Umwarimu wavuze mu izina rya bagenzi be yashimye Leta y' u Rwanda yabazamuriye umushahara.

Yaragize ati: "Turashima Leta yacu yadutekerejeho ikatuzamurira umushahara. Ni ukuri byatweretse ko Mwarimu yitaweho.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yashimiye Abarimu bo muri uyu Murenge ku ruhare bagize mu gutuma uza mu yatsindishije neza mu Karere, mu bizamini bya Leta bisoza Umwaka w' Amashuri wa 2022-2023.

Umunsi Mpuzamahanga w' Umwarimu, wizihijwe no mu yindi Mirenge igize Akarere.

Mu birori byo kwizihiza uyu Munsi Mpuzamahanga w' Umwarimu ku rwego rw' Igihugu wabereye mu Karere ka Gasabo, Abarimu n' Abayobozi bo mu Bigo by' Amashuri 3 byo mu Karere ari byo GSNDP Cyanika, PSSJP II Gikongoro na Uwinkingi TSS barahembwe ndetse n' Ibigo ubwabyo birahembwa bitewe no gutsindisha neza mu bizamini bya Leta bisoza umwaka w' Amashuri wa 2022-2023.

Uwinkingi TSS yahembwe nk' Ikigo cy' Amashuri cyabaye icya 1 mu Gihugu mu Mashuri ya TSS, PSSJP II Gikongoro ihembwa nk' Ishuri ryabaye irya 2 mu Bigo bicumbikira abana mu Burezi Rusange.

PSSJP II Gikongoro kandi ryahembwe nk' iryabaye irya 4 mu bizamini bisoza Ikiciro Rusange, mu Bigo bicumbikira abana.

GSNDP Cyanika ryo ryahembwe nk' Ishuri ryabaye irya 3 mu Mashuri y' Imyuga n' Ubumenyingiro acumbikira abana.

Buri wese yahawe Telephone igezweho (Smart Phone) n' Ibigo bihembwa by' umwihariko.



**VM ASOC yashimye ubwitange Abarimu bagaragaje**

## HASOJWE IMINSI 16 YAHARIWE UBUKANGURAMBAGA BWO KURWANYA IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA



**VM ASOC asoza iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina**

Ku wa 10 Ukuboza 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye umuhango wo gusoza iminsi 16 yahariwe ubukangurambaga bwo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina ku rwego rw' Akarere wabereye mu Murenge wa Mbazi.

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango yasabye uwo ari we wese gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina kuko ari kimwe mu byaha bikomeye bikorerwa umuryango.



**Abaturage basabwe kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina**

Yasabye kandi abashakanye kutitiranya ihame ry' uburinganire kuko ngo iyo ryumviswe nabi biri mu bitiza umurindi ihohotera rishingiye ku gitsina.

Kuva tariki 25 Ugushyingo kugeza ku ya 10 Ukuboza 2023, ni bwo ku Isi yose habaye ubukangurambaga bw' Iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Abayituye bahamagariwe kugira uruhare rugaragara mu kurikumira. Mu Rwanda insanganyamatsiko y' uyu mwaka wa 2023, yaragiraga iti: "Dufatanye! Dukumire ihohotera rishingiye ku gitsina."

Muri iyi minsi 16, Abaturage bakanguriwe gukumira, kwirinda no gufata ingamba zirambye zo guhangana n' ingaruka z' ihohotera rishingiye ku gitsina. Basabwe kandi gutangira amakuru ku gihe y' ahashobora kugaragara ihohotera no kubungabunga ibimenyetso ndetse no gufasha abahohotewe kubona Serivisi zikomatanyije zitangwa na Isange One Stop Center.



**Mu gusoza ubu bukangurambaga hakinwe ikinamico yigisha abantu kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina**

# NYAMAGABE- KITABI: RDB YABAHAYE MILIYONI ZISAGA 100 ZIFASHISHWA MU KUBAKA INZU Z' ABATISHOBOYE N' ISOKO RITO



**Inzu zubatswe mu buryo bugezweho ni zo zatashywe**

Imiryango 10 yo mu Murenge wa Kitabi itagiraga aho kuba irishimira ko yahawe inzu zo kubamo zubatswe ku bufatanye n' Ikigo cy' Igihugu cy' Iterambere (RDB) binyuze muri gahunda yo kubasangiza ku byavuye mu bukerarugendo bukorerwa muri Pariki ya Nyungwe.

Umwe mu bahawe inzu avuga ko amaze igihe yaratawe n' umugabo we yishakira undi mugore kubera kutagira icumbi.

Yaragize Ati: "Njyewe nashakanye n' umugabo abonye tudafite ubushobozi bwo kuzibonera icumbi aranta arigendera ashaka undi mugore ariko ndashimira Akarere na RDB bampaye icumbi nkaba mbonye aho mbana n'abana banjye. Munshimirire Nyakubahwa Perezida wa Repuburika Paul Kagame kubera ko amvanye kure ntatekerezaga ko nzava.

Undi na we yaragize ati: "Ndishimye cyane kuba mbonye icumbi. Ibyo bagiye batubwira ko Pariki duturiye itabereyeho kutubangamira ahubwo ari iyo kutuzanira ibyiza, ndabibonye. Na twe tuzakomeza kuyibungabunga kurushaho. Nta muntu wayangiza tumureba."

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu, Thaddée HABIMANA yabwiye abahawe izi nzu kuzifata neza kandi bakarushaho kubungabunga Pariki ya Nyungwe kugira ngo bazakomeze kugerwaho n'ibindi byiza bitandukanye.



**Inzu zatashywe zirimo n' ibikoresho byo mu nzu**




**Hatashywe kandi Isoko Rito ryubatswe mu Isanteri ya Kitabi**

Miliyoni zisagaho gato 100 z' amafaranga y' u Rwanda ni zo zakoreshejwe mu kubaka inzu 10 zifite n' ibikoresho byo mu nzu no kuvugurura isoko rito rihereryе mu isanteri y' ubucuruzi ya Kitabi. Ibi kandi bikorwa buri mwaka mu Mirenge yegereye iyi Pariki ya Nyungwe.

## UMUYOBOZI W' AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE YABWIYE ABAFITE UBUMUGA KO IGIHUGU KIBITAYEHO ARIKO NA BO BAGOMBA KWITINYUKA

Ubwo ku wa 03 Ukuboza 2023, Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyaga n' Abaturage bo mu Murenge wa Kitabi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w' Abafite Ubumuga ku rwego rw' Akarere wabereye mu Murenge wa Kitabi yabwiye Abafite Ubumuga ko Igihugu kibitayeho ariko na bo bagomba kwitinyuka bakumva ko bashoboye.

Kuri uyu Munsi, Abantu Bafite Ubumuga, bamwe muri bo bahawe inyunganirangingo zigezweho zirimo imbago n' inkoni, abandi na bo bahabwa ibiryamirwa.



**VM ASOC ashyikiriza imbago Abafite Ubumuga**



**Bamwe mu Bafite Ubumuga bahawe ibiryamirwa**



**VM ASOC ari kumwe n' abahagarariye Abafite Ubumuga basuye Urugo rwita ku Bana Bafite Ubumuga**

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage kandi ari kumwe n' Abahagarariye Abafite Ubumuga mu byiciro bitandukanye basuye Urugo rwakira Abana Bafite Ubumuga rwa Saint François d' Assise ruherereye muri uyu Murenge wa Kitabi, ashimira Ubuyobozi bw' uru Rugo ku ruhare bakomeje kugaragaza mu kwita ku Bana Bafite Ubumuga, banabagenera ibyo kurya.

Uretse kuba, Umunsi Mpuzamahanga w' Abafite Ubumuga wizihirijwe ku rwego rw' Akarere mu Murenge wa Kitabi, wanizihijwe no mu yindi Mirenge igize Akarere.



**Umwe mu Bafite Ubumuga yashimye Leta y' u Rwanda**

## UDUSHYA 2 TWO MU KARERE, MU TWAHEMBWE MU ITORERO ISONGA RYAHURIYEMO ABANYAMABANGA NSHINGWABIKORWA B' INTARA, UTURERE N' IMIRENGE

Kuva ku wa 26 Ugushyingo kugeza ku wa 01 Ukuboza 2023, Abanyamabanga Nshingwabikorwa bose b'Intara, Uturere n'Imirenge bari mu Itorero ryiswe Isonga ryabereye mu Kigo cy' Ubutore cya Nkumba kiri mu Karere ka Burera.

Abaryitabiriye basabwa kuba moteri y'iterambere ry' ubukungu n' imibereho myiza y' Abaturage banoza imikorere n' imitangire ya serivisi bashyira Umuturage ku isonga.



Abitabiriye Itorero Isonga

Ubwo yasozaga iri Torero, Minisitiri w' Ubutegetsi bw'Igihugu, Musabyimana Jean Claude, yibukije izi ntore ko iterambere igihugu gikeneye ritagerwaho hatabayeho ubufatanye, abibutsa uruhare rwabo mu bikorwa biteza imbere Abaturage.




Minisitiri wa MINALOC yasabye Intore kurangwa n' ubufatanye




Impumuro Cyanika, kamwe mu dushya twahembewe muri iri Torero

Mu gusoza iri Torero kandi, hahembwe udushya 14, twahize utundi.

Agashya kiswe "Impumuro Cyanika" ko mu Kagari ka Karama, mu Murenge wa Cyanika ni kamwe muri utwo dushya twahembwe.

Aka gashya katangiye mu mwaka 2019 kahembwe nk' agashya kifashishwa mu gukemura amakibmirane yo mu miryango no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Akandi gashya ari ko "Iriba rya Masenge" kabarizwa mu Mudugudu wa Uwisuri, mu Kagari ka Gatare, mu Murenge wa Gatare na ko kaje ku rutonde rw' udushya 57 twahembwe.

Hifashishijwe aka gashya katangiye mu mwaka wa 2020, Janviere Mutirende wagahanze ahuriza hamwe ingimbi n' abangavu bakaganira ku buzima bw' imyororokere akenshi ababyeyi badakunze kuganirizaho abana babo.

Umusaruro w' aka gashya ni uw' uko inda ziterwa abangavu zagabanutse muri aka Kagari no mu Murenge muri rusange.

# ABANA 140 BO MU MIRENGE ITANDUKANYE BITABIRIYE INAMA NKURU Y' IGIHUGU Y' ABANA YA 16



**Abana 140 bo muri Nyamagabe ni bo bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ya 16**

Ku wa 28 Ukuboza 2023, Abana 140 baturutse mu Mirenge itandukanye y' Akarere ka Nyamagabe bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana yabaye ku nshuro ya 16 yabereye mu Kigo cy' Ubutore cya Nkumba giherereye mu Karere ka Burera ku wa 28 Ukuboza 2023.

Abana 140 barimo 121 bafashwa na NCDA/GF aho ibishyurira amafaranga y' ishuri ni bo bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana yabaye ku nshuro ya 16 baherekejwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage.

Abana berekanye bimwe mu bibazo bikibugarije basaba ko byahabwa umwihariko mu kubikemura nabo bibigizemo uruhare.

Bimwe mu bibazo aba bana bagaraje birimo icyo kuba hari abana batari bake baterwa inda zitateguwe, imiryango ikirangwamo amakimbirane, kudasangiza abana amakuru y'ubuzima bw'imyorokere n'ibindi.

Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango Dr. UWAMARIYA Valentine yavuze ko Inama Nkuru y' Igihugu y' Abana ari ikimenyetso cy' umuhate w' Ubuyobozi bukuru bw' Igihugu mu kubaka umunyarwanda ufite ubumenyi buhamye, ubuzima bwiza mu mubiri no mu mutwe kandi abayeho mu muryango utekanye.



**Minisitiri w' Uburinganire n' Iterambere ry' Umuryango Dr. UWAMARIYA Valentine**

Inama Nkuru y'Igihugu y'abana yatangiye muri 2004 kuri ubu ikaba yari iteranye ku nshuro ya 16 aho ihuza abana bahagarariye abandi mu turere n'Imirenge yose y' Igihugu. Muri uyu mwaka yari ifite insanganyamatsiko igira iti" Ejo Ni njye.



**Abana barenga 1500 ni bo bitabiriye Inama Nkuru y' Igihugu y'Abana ku nshuro ya 16**

# ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y' AKARERE BAKURIKIRANYE GAHUNDA YO KURWANYA IMIRIRE MIBI MU BANA MU KARERE



**Perezida wa Njanama y' Akarere yakurikiranye gahunda yo kurwanya igwingira mu bana**

Kuva ku wa 20 kugeza ku wa 23 Ukuboza 2023, Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage n' abandi Bajyanama bakurikiranye uko Gahunda yo kurwanya imirire mibi mu bana mu Mirenge itandukanye y' Akarere ka Nyamagabe ishyirwa mu bikorwa.





**Abajyanama bakurikiranye uko gahunda yo kurwanya igwingira ishyirwa mu bikorwa**

Ibikorwa byo muri iyi gahunda byibanze ku kureba imikorere ya Komite ishinzwe kurwanya imirire mibi ku rwego rw' Umurenge n' Akagali (SPEM, CPEM), kureba Imikorere y' Ingo Mbonezamikurire (ECDs), kureba uruhare rw' Ibigo Nderabuzima mu rugamba rwo kurwanya imirire mibi n' uko bacunga inkunga ziba zatanzwe mu kugwanya imirire mibi, gukurikirana imikorere y' Ishuri Mbonezamirire n' ibindi.



**Abana bari guhabwa amata na bamwe mu bagize Inama Njyanama y' Akarere**

Ubushakashatsi bwa 2020 (DHS, 2020) bwagaragaje ko igwingira mu bana bari munsi y' imyaka 5 mu Karere ka Nyamagabe ryari riri ku ijanisha rya 33.6 %. Gusa Ubuyobozi bw' Akarere buvuga ko bufite intego yuko iri janisha rigomba kugabanuka tikagera kuri 13%.

Bamwe mu bitezweho kugera kuri iyi ntego ni Abajyanama b' Ubuzima bagera ku 2144 babarizwa hirya no hino mu Mirenge igize Akarere ka Nyamagabe, bakaba bagira uruhare mu gukurikirana Ingo Mbonezamikurire (ECDs) zigera ku 1663.

# MU KARERE HABAYE ISUZUMA RY' IMIHIGO YA MUTIMAWURUGO



**Inama y' Igihugu y' Abagore yakoreye isuzuma ry' Imihigo ba Mutimawurugo**

Ku wa 11 Ukuboza 2023, itsinda ryari riturutse mu Nama y' Igihugu y' Abagore ku rwego rw' Igihugu(NWC) yakoze isuzuma ry' imihigo ya ba Mutimawurugo yeserezwa mu Midugudu 17.

Iri tsinda ryari riyobowe na Madame Uwitonze Donata rikakirwa n' Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage Agnès UWAMARIYA, ryahereye ku gusuzuma imihigo mu nyandiko, nyuma rijya gusura ibikorwa biri muri iyi mihigo bihererereye mu Mudugudu wa Nkamba, Akagari ka Rambya, Umurenge wa Buruhukiro.



**Itsinda ryari riturutse mu Nama y' Igihugu y' Abagore ku rwego rw' Igihugu ni ryo ryakoze iri suzuma ry' Imihigo ya ba Mutimawurugo**

Imihigo ya ba Mutimawurugo yasuzumwe yari iri mu Nkingi y' Imiyoborere Myiza, iy' Ubukungu n' Imibereho Myiza.

Imihigo ya ba Mutimawurugo irimo uwo guhangana n' ikibazo cy' abana bata ishuri; kurwanya amakimbirane mu miryango no gukangurira imiryango ibana itarasezeranye kubana mu buryo bwemewe n' amategeko; kurwanya imirire mibi n' igwingira ry' abana n' iyindi.





**Itsinda ryakoze isuzuma ry' Imihigo ya ba Mutimawurugo ryahereye ku yo mu nyandiko, nyuma rikomereza ku bikorwa**

# INAMA IDASANZWE Y' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE YEMEREJWEMO IBIPIMO NGENDERWAHO BY' UMUSORO KU BUTAKA MU KARERE



**Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame UWAMAHORO ubwo yari ayoboye inama idasanzwe**

Ku wa wa 30 Ukuboza 2023, Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama idasanzwe y' Inama Njyanama y' Akarere.

Imwe mu ngingo nyamukuru z' iyi nama yari iyo kwemeza ibipimo ngenderwaho by' umusoro ku butaka mu Karere.

Guverinoma y' u Rwanda iherutse gutangaza ko umusoro ku butaka uri hagati y'amafaranga ya 0 Frw na 80 Frw kuri metero kare uvuye ku mafaranga ari hagati ya 0 Frw na 300 Frw.



**Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry' Ubukungu mu Nama Njyanama y' Akarere Nizeyimbabazi Jean de Dieu ubwo yasobanuraga ibipimo bishya by' umusoro ku butaka**

Iteka rya Minisitiri ryasohotse ku wa 28 Ugushyingo 2023 ryagennye ko ubutaka buri mu duce dukorerwamo ibikorwa by'iterambere mu Mujyi wa Kigali buzajya busora hagati ya 70 Frw na 80 Frw kuri metero kare.

Iri Teka kandi rivuga ko ubutaka buri mu turere tw' ibyaro turimo n' aka Nyamagabe buzajya busoreshwa hagati ya 0 Frw na 20 Frw, ahagenewe guturwa hasore hagati ya 0 Frw na 5 Frw mu gihe ahagenewe ubuhinzi n'ubworozi haba mu mijyi no mu byaro hose umusoro w'ubutaka ube hagati ya 0 Frw na 0,4 Frw kuri metero kare.

Mu bindi iyi nama y' Inama Njyanama idasanzwe yarebeye hamwe harimo gusuzuma raporo y' ibikorwa by' Abagize Komite Nyobozi mu mezi 6 abanza y' umwaka wa 2023-2024 no gusuzuma raporo y' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere ku ikoreshwa ry' ingengo y' imari mu mezi 6 abanza y' umwaka wa 2023-2024.



**Umwe mu Bajyanama asobanuza ibijyanye n' ibipimo bishya by' umusoro ku butaka**

# UMUYOBOZI W' AKARERE YAGARAGAJE IMPANO AFITE YO GUKINA UMUPIRA W' AMAGURU



**Umuyobozi w' Akarere yakinnye mu izamu**

Mu mukino wa gishuti wahuje ikipe ya Nunga FC yo mu Karere ka Kicukiro n'Umucyo Sunday Club yo mu Karere ka Nyamagabe, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Hildebrand NIYOMWUNGERI yagaragaje impano afite yo gukina mu izamu.

Ni umukino wabaye ku cyumweru tariki 3 Ukuboza 2023 ubera ku kibuga cyo ku ishuri cya Groupe Scolaire Kagarama Secondary School giherereye ku Kicukiro.

Wahuje Nunga FC, ikipe yo mu kagari ka Nunga, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro n' iy' Umucyo Sunday Club yo mu Karere ka Nyamagabe.

Wari umukino wo kwishyura kuko ubanza wabereye mu Karere ka Nyamagabe, Nunga FC yari yatsinze 4-3. Uwo kwishyura, amakipe yombi yanganyije 0-0.

Uyu mukino, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe yakinnye mu izamu, witabiriwe kandi n' Abayobozi batandukanye bo mu Turere twombi barimo Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro Mutsinzi Antoine, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe Wungirije ushinzwe Iterambere ry' Ubukungu, Thaddée HABIMANA n' abandi.

Amakipe yombi yakinnye umukino urimo ishyaka, buri kipe ishaka gutahana intsinzi yo muri uyu mukino wo kwishyura.

Ubwo umukino wageraga mu minota ya nyuma, Umuyobozi w' Akarere ka Nyamagabe yagiye mu izamu, agaragaza ubuhanga afite mu kuririnda, birangira ari 0-0.



**Meya NIYOMWUNGERI wari wakiriwe na mugenzi we wa Kicukiro Mutsinzi Antoine, yabanje ku ntebe y' abasimbura**



**Ikipe y' Umucyo Sunday yo mu Karere ka Nyamagabe**

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**